# Umuntu uzazindukira ku musigiti cyangwa se bugorobye, Allah yamuteguriye amazimano mu ijuru, buri uko aje azindutse mu rukerera cyangwa se aje bugorobye

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire), nawe abikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umuntu uzazindukira ku musigiti cyangwa se bugorobye, Allah yamuteguriye amazimano mu ijuru, buri uko aje azindutse mu rukerera cyangwa se aje bugorobye."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahaye inkuru nziza umuntu uje ku musigiti mu masengesho cyangwa se kubera gushaka ubumenyi cyangwa se azanywe n'ikindi mu ntego nziza, igihe cyose yahazira byaba mu rukerera cyangwa se bugorobye ko Allah yamuteguriye ahantu n'amazimano mu ijuru, buri uko aje ku musigiti byaba mu ijoro cyangwa se ku manywa.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee